

# IBIBAZO KU RUKINGO RWA COVID-19

[Michigan.gov/COVIDvaccine](https://Michigan.gov/COVIDvaccine)



## Ni iki leta izakoresha amakuru yanje bwite?

Mu gusuzuma inyandiko yihariye Itanga uruhushya rw'Ikoreshwa ry'urukingo mu bihe byihutirwa (EUA) no kwemera gukingirwa, uba wemeye ko amakuru yawe arimo izina, aho uherereye, igihe wavukiye, n'ubwoko bw'urukingo wahawe bihabwa ibiro bishinzwe kwandika abakingiwe bita Michigan Care Improvement Registry (MCIR). Ubu bubiko bw'amakuru bukoreshwa gusa n'abashinzwe ubuvuzi, abakozi n'ishami ry'ubuzima hagamijwe gukingira kandi bagomba gushyira umukono ku masezerano ya MCIR yerekeye irindwa ry'amakuru yawe.